NOHELI NZIZA UMWANA YATUVUKIYE TWAHAWE UMUHUNGU

Kuri uyu munsi mukuru wa Noheli tariki 25/12/2018 Umwepiskopi yayoboye Missa ya gatatu muri Katedrale ; hakaba hanatanzwe Isakramentu rya Batisimu ku bana bato. Umwepiskopi yongeye kwifuriza abakristu twese Noheli nziza.

Bakristu, Bavandimwe, Kristu Yezu akuzwe. Mbanje kubifuriza mwese Umunsi mukuru mwiza wa Noheli. Noheli nziza mu miryango yanyu mwese, noheli nziza kandi ku banyu bose. By'umwihariko ariko noheli ku babyeyi baza kubatirisha abana babo muru iki Gitambo cy'Ukaristiya, bakaba bagiye kuvukisha abana babo bundi bushya bakavukana n'Umwana Yezu duhimbariza Noheli uyu munsi. Kuri uyu munsi mukuru wa noheli, isi yose iri mu byishimo by'uko Umukiza wacu, Umucunguzi wacu, Umwana Yezu yatuvukiye. Ni Emmanuel ari byo kuvuga Imana turu kumwe. Ubwo tukaba tuboneyeho no

kwifuriza umunsi mwiza nanone abantu bose bitwa ba Emmanuel, Emmanuella, Noheli cyangwa Noella bari hano.

Amasomo tumaze kumva uko ari atatu, yaba Isomo ryp mugitabo cy'Umuhanuzi Izayi, mu Ibaruwa Pawulo Mutagatifu yandikiye Ababebureyi, Ivanjili yanditswe na Yohani, yose aragaruka kuri iyo nkuri ihimbaje kandi ishimishije y'uko isi yose yironkeye Umukiza.

Nk'uko Umuhanuzi abivuga uwo mukiza watuvukiye n'intumwa izanye Inkuru Nziza, Intumwa izanye amahoro, Intumwa ije kudutangariza amahirwe. Niyo mpamvu twishimiye ivuka ry'uwo Mwana Yezu, nk'uko Siyoni na Yeruzalemu byahanitse amajwi y'ibisingizo by'Uhoraho kubera ugucungurwa kwa Yeruzalemu. Gucungurwa kwa Yeruzalemu kandi bikaba bivuze ugucungurwa kwacu twese kuko Yeruzalemu ishushanya umuryango mugari w'abemera tugize twese. Koko rero Bakristu Bavandimwe, nk'uko Mutagatifu Lewo Mukuru umuhanga wa Kiliziya abitubwira mu nyigisho ze ntampamvu yo guheranwa n'agahinda kandi Umwana Yezu yatuvukiye. Ni umwana uje gushyira ibyishimo mu mitima yacu, mu ngo zacu, mu mibereho yacu. Niyo mpamvu mutagatifu Lewo aduhamagararira kuva muri wa muntu ushaje natwe tukavukana n'Umwana Yezu uje kutugira abantu bashya. Umuhanuzi Izayi hari aho atubwira ati: Abantu nibaramuka bakiriye amahoro n'ubutabera bazaniwe n'Umwana Yezu, ntakitwa ikibi kizongera kubaho. Ibiremwa byose bizasana mu mahoro nk'uko byari bimeze kuva isi ikiremwa, icyaha kitarabaho.

Uko gucungurwa kwacu ni ko na Pawulo Mutagatifu agarukaho mu Ibaruwa yandikiye Ababebureyi twumvise mu isomo rya kabiri. Pawulo mutagatifu aratwibutsa ko uwo mwana yaziye kuhagira abantu ibyaha byabo. Umwana Yezu yaje muri iy'isi yacu yemera gusa natwe kuri byose uretse icyaha kugira ngo adukize, kugira ngo adukure mu mwijima atujyane mu rumuri rwe rw'ikuzo.

Bakristu, bavandimwe iyo duhimbaza noheli nk'ukunguku tujye twibuka iyo neza Imana yatugiriye, tujye twibuka ko twagiriwe ubuntu bugeretse ku bundi. Tujye twibuka ko tudakwiye kwitesha ayo mahirwe, uwo mugisha wo kumurikirwa na Kristu waje muri twe kugira ngo adusangize kuri Kamere-Mana ye. Ntitukajye rero turangazwa n'iby'iy'isi bihita ngo twitandukanye na Yezu Kristu kandi yaraje kubana natwe kugira go adusangize ku mahirwe adutegereje mu bwami bw'ijuru. Ni ngombwa guhora twiyibutsa ko kwakira Umwana Yezu, tukamwemera bitubera isoko y'ibyishimo ku mubiri n'iy'amahoro ku mutima.

Nibwo bukungu butamungwa Imana itwifuriza. Niyo mpano Imana yaduhaye ibicishije ku Mwana wayo Yezu watuvukiye i Betelehemu.

Ivanjili ya Yohani twumvise nayo yongeye kutwibutsa ko ibintu byose bikesha kubaho uwo Mwana w'Imana. Nta na kimwe cyabayeho cyangwa se kizabaho bitamuturutseho. Na Yohani arongera kutwibutsa ko Umwana Yezu yaje ari urumuri rumurikira abantu ngo bave mu mwijima. Ariko ku rundi ruhande akababazwa n'uko urumuri rwe rutakiriwe uko bikwiye. N'uyu munsi hari benshi batuye isi bakiri mu mwijima. Hari benshi bakiri mu mwijima mu mitima yabo, mu mitekerereze yabo, mu mibanire yabo n'abandi. Abo bose bakeney kuva mu mwijima bakajya mu rumuri. Bakristu bavandimwe niba twe twiyumvamo ko turi abana b'Imana, niba twariyemeje gukurikira Kristu, ni tube n'abahamya be koko aho turi hose, no mubo tubananabo bose no mu byo dukora byose. Ibikorwa byacu, imibereho yacu nibibe koko urumuri rumurikira abandi. Nitwirinde ko urugero rwacu rwaba urugusha abandi mu cyaha, urugusha abandi mu ngeso mbi, kuko icyo gihe natwe twaba tubaye nka babandi batakiriye urumuri rwa Yezu. Kandi tujye twibuka ya magambo akarishye dusanga mu isezerano rya kera aho batubwira ngo: ugusha abandi mu cyaha cyane cyane abakiri bato, ikiruta ni uko bamuzirikaho urusyo ku ijosi bakamujugunya mu nyanja. Ikiruta ni uko yari kuba ataravutse. Aha hatuma twumva neza umuvumo twaba twikururiye tutagendeye mu rumuri twazaniwe n'uyu mwana Yezu, Umujyanama wacu, Umucunguzi wacu, Umubyeyi wacu iteka, Umwami w'amahoro.

Bakristu bavandimwe, ubwo twishimiye ivuka ry'uwaje atugana kugira ngo atuvane mu mwijima maze tugendere mu rumuri rwe, nitunamwemerere abe ari we uyobora imibereho yacu. Nitumwakire, kuko nk'uko twabyumvise, abamwakiriye yabahaye ububasha bwo guhinduka abana b'Imana, kandi natwe twese uko turi aha ngaha turashaka kwitwa abana b'Imana. Ngaho rero nitugendere ku rugero rwiza rwa Yezu Kristu, maze dukunde tube abana b'Imana bishimishije. Nitumwemerere atuyobore nk'Umwami w'amahoro. Nitumwemerere atubere urumuri nyakuri muri iy'isi yacu icyuzuye ibikombe by'umwijima.

Ndangije nongera kubifuriza Noheli nziza rero mwese n'abanyu bose, tuyihimbaze tugendera ku nama z'uwo mujyanama wacu w'agatangaza Imana yatwihereye. Tuyihimbaze tuzirikana ku mahoro uwo Mwana watuvukiye atuzaniye, kandi twiyemeze kuyasakaza mu ngo zacu no mu baturanyi bacu. Tuyihimbaze twishimira uwo mwana watuvukiye kandi utubereye Umubyeyi

iteka maze amahoro akunde aganze mu mitima yacu kandi tuyasakaze aho tunyura hose. Nshoje kandi mbaragiza Umubyeyi Bikira Mariya wagize amahirwe yo kubyarira isi Umukiza, kimwe na Yozefu Mutagatifu wabaye Umubyeyi n'umurinzi w'Umwana Yezu. Uko babaye hafi y'Umwana Yezu i Betelehemu, bitubere urugero natwe mu guhora dukora ugushaka kw'Imana.

Nyagasani Yezu nabane namwe

Padiri Jean Marie KWIZERA